Inkingi
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces

++31 623075674 ++32 477813062 info@fdu-udf.org www.fdu-udf.org
Postbus 3124 2280 GC Rijswijk Netherlands

ISABUKURU Y'IMYAKA 45 U RWANDA RUMAZE RWIGENGA

Banyarwandakazi, Banyarwanda,

Birakwiye ko dusibiza amaso inyuma kuri uyu munsi twizihiza isakubukuru y'imyaka 45 y'ubwigenge bw'igihugu cyacu. Byapfiriye he kugira ngo abakurambere bacu baharaniye gukuraho ingoma ya gihake na gikoronize, kugirango abanyarwanda bose babeho mu bwisanzure mu gihugu cyabo, none nyuma y'imyaka 45 u Rwanda rukaba rufite impunzi zigeze kubihumbi 300.000 mu bihugu hirya no hino ku isi cyane abenshi bakaba bandagaye kugasi batagira kivurira? Gereza zikaba zuzuye abantu batagira amadosiye, mu gihugu hakaba hari kurangwa umwuka w'ubwoba, urwango no kwishishanya hagati y'abanyarwanda, ubukungu bukikubirwa n' agaco kabamwe bari kubutegetsi none yandirimbo y'ubwigenge ikaba yarabaye nk'inzozi!

Muri rapport y'ubushakashatsi bwakozwe n'abambari ba FRP-Inkotanyi kucyo ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi bita ingenga bitekerezo ya genocide, igasohoka mu gitabo cya senat umwaka ushize (2006) basanga ko akaga k'abanyarwanda kazanywe n'abazungu na Kiliziya Gatolika! K'urupapuro rwa 17 aho muri icyo gitabo basobanura icyo bita ingenga bitekerezo ya genocide bagira bati" umuntu wese uvuga ko Abahutu bafunzwe abenshi muri bo bafunzwe kandi nta gihamya cy'ibyo bafungiwe, uvuga ko hari Abahutu bishwe n'ingabo z'Abatutsi zo muri FPR-Inkotanyi, abameza ko FPR-Inkotanyi zita Abahutu bose abicanyi, abemeza ko u Rwanda rwateye Kongo rukica impunzi z'Abahutu, rugasahura icyo gihugu cy'abaturanyi, abavuga ko ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi butoteza Kiliziya Gatolika, abasaba ko haba ibiganiro hagati y'ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi n'abatavuga rumwe nayo n'ibindi n'ibindi , abo bantu bose bafite ingenga bitekerezo ya genocide kandi baba bayipfobya! Bakongera bakihanukira kandi bakandika ko amateka yu Rwanda ari abazungu bayanditse kandi ko bayanditse nabi! Nyamara iyo urebye icyo bita ingenga bitekerezo ya genocide nti byagombye kwitirirwa abazungu cyangwa Kirizaya Gatolika, kuko biriya byose narondoye bavuga nitwe ubwacu abanyarwanda tubivuga, tubisaba! Kuko ni uburenganzira bwaburi wese kuvuga ibidakorwa neza n'abategetsi mu gihugu no guharanira kurenganurwa igihe urenganwa. Kuba muri 1959 Abahutu bari baragizwe abaja mu gihugu bavukamo, bahatswe n'Abatutsi nabo mu gihugu bavukamo, ntabwo ari abazungu bazanye ubwo buhake, bakomereje aho basanze ibintu. Icyo gihe ubukungu bwari mu ntoki z'umwami n'abashefu, ibikingi ari ibyabo. Ntabwo rero byumvikana ko senat ya FPR-Inkotanyi nyuma y'imyaka 44

yemeza ko Abanyarwanda baharaniye guca iteka ubuhake n'ubukolonize mu gihugu, baharanira ko Abanyarwanda bose babaho mu bwisanzure bafite uburenganzira bumwe mu gihugu cyabo, bari bafite ingenga bitekerezo ya genocide!

Tuzi twese ubwicanyi bwabaye mu gihugu kuva mu ntambara y'ukwakira 1990 kugeza igihe cy'itsemba bwoko muri 1994, iyicwa ry'impunzi muri Kongo. Tuzi twese ko Abatutsi bishwe bakicwa n'abahutu, tuzi ko hari n'abahutu bishwe n'ingabo z'abatutsi bo muri FPR-Inkotanyi, ntabwo rero byumvikana ko niba Umututsi avuze ati narishwe kandi n'abanyiciye murabarekura bakaza kurangiza n'uwarusigaye inyuma maze ngo General Kagame ababwire ati mushyire " sentiment mu kabati"! Umuhutu niba agize ati muratumarira mu munyururu ndetse na Gacaca zashyiriweho kuturangiza kandi nta musirikare wa FPR-Inkotanyi wishe ubihanirwa maze ngo aregwe ko afite ingenga bitekerezo ya genocide.

Ni ngombwa ko dusubiza amaso inyuma mu mateka yacu tukareba aho ibintu byapfiriye tugashaka n'uburyo byagororwa kugirango abanyarwanda twese hamwe tuzabashe kuzagira igihe cyo kuzajya twizihiza isabukuru y'ubwigenge, buri wese yumva ko ubwo bwigenge bwamugezeho, yishyira akizana mu rwamubyaye.

Mu kwezi gushize ubwo nabonanaga n'abagize Inteko ishinzwe Umutekano mu muryango wa bibumbye i New York, hari uwagize ati ariko iyo urebye mu mateka y'igihugu cyanyu usanga igihe cy'ingoma ya cyami nta kibazo cy'amoko cyariho, ati aho none ntiwaba ari wo muti ku ndwara y'amoko mu Rwanda? Abanyarwanda twese tuzi neza ko revolution yo 1959 yabayeho kuko abahutu bari bakandamijwe n'ubuhake bw'umwami w'umututsi. Iyo rero ubwo buhake bujya kugwa neza Abahutu ntabwo revolution yo 1959 iba yarabayeho.

Abanyarwanda bahataniye kuvanaho ingoma ya gihake na gikolonize babaye intwari turabashimira. Nti twakwibagirwa ko ariko igihe u Rwanda rubonye ubwigenge, Abahutu bakajya k'ubutegetsi, Abatutsi bari babutakaje batabyishimiye ndetse abenshi muri bo bafata inzira y'ubuhungiro. Mu myaka yakurukiye bagerageje kugaruka k'ubutegetsi bakoresheje intwaro bikananirana kugeza 1994 ubwo babashaga gufata ubutegetsi mu muvu w'amaraso. Abahutu igihe bari ku butegetsi nabyo ntibyatinze kugaragara ko hagati yabo bananiwe kubusaranganya, kuko bitateye kabiri abo mumajyaruguru ba bwaka abo mu majyepfo, ndetse bamwe mu bari ku butegetsi baricwa, ubwo ikibazo cya Kiga-Nduga kiba kibaye akarande mu Bahutu. Kugeza kuri uyu minsi twizihizaho imyaka 45 y'ubwigenge bw'u Rwanda ntabwo abaturarwanda twese turabasha kwemeranywa ko ubwo butegetsi bwavanywe kubari baragize igihugu ho ingwate, ari abategekega m'ubuhake cyangwa igikoloni ko nta kundi byagenda usibye kubusaranganya hagati y'abaturarwanda bose: Abatwa,Abatutsi n'Abahutu!

Ntiduhwema kwamagana politiki y'icyinyoma ya FPR-Inkotanyi ivuga ko Abahutu, Abatutsi n'Abatwa batabaho mu Rwanda, kuko niba bavuga ko habayeho itsembabwoko none hatsembwe ubwoko butabaho se? Nyuma y'imyaka 13 FPR-Inkotanyi bamaze ku butegetsi bigaragaza ko iyo politiki yo kutavuga amoko bayishyiriyeho gukomeza gupyinagaza abantu bitewe n'ubwoko bavukamo, kuko kutavuga ubwoko bidasobanura ko abantu mu Rwanda batazira ubwoko bwabo.
Nkuko nkunze kubivuga nta Munyarwanda numwe ugomba guterwa ipfunwe nu bwoko avukamo cyangwa akarere avukamo.
Kudahuza ubwoko cyangwa akarere byagombye kutubera impamvu yo kwishima no kumva ko tugomba kuzuzanya aho kumarana. Buri Munyarwada agomba kwishimira icyo ari cyo kandi ntihagire uzira icyo ari cyo.
Ikibazo cy'u Rwanda ntabwo ari uko habaho Abatwa, Abatutsi, Abahutu b'i Nduga cyangwa mu Rukiga; ikibazo ni UBUTEGETSI TUTARASHOBORA KUMVIKANA UKO

TUGOMBA KUBUGABANA KUBURYO HABAHO UBUTEGETSI BURI MU NYARWANDA WESE YISANGAMO.

Umuti w'ibibazo by'igihugu cyacu ntabwo ari uguhindura amateka ngo abantu bivugire ibyo bishakiye bibashyira igorora, nkuko ubu ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi buri guhatana buhindura amateka y'igihugu cyacu, aha nkaba nabibutsa ko amateka ari ibintu byabayeho atari umugani bacira umwana. Abanyarwanda tugomba kwemera amateka yacu ari ameza ari amabi, ntituyahindagure uko twishakiye bitewe n'inyungu za politiki abantu bafite.

Amateka y'igihugu cyacu ameza cyangwa amabi tugomba kuyemera, ntitugire abo tugerekaho icyaha bandi batari twe ubwacu abanyarwanda. Amateka yacu agomba kuba nk'umuco wacu tugomba kubyemera bikaba aribyo biba irangamuntu yacu, bityo bizatuma duharanira kurangwa n'amateka meza . Kwemera amateka yacu uko ari, tukemera ko abanyarwanda ari twe ba nyirabayazana mu bw'icanyi bwabaye mu gihugu cyacu niyo ntambwe ya mbere tugomba gukora munzira yo gucyemura burundu ibibazo by'ingutu by'ugarije igihugu cyacu, bityo nibwo tuzagera ku bwigenge busesuye bwa buri Munyarwanda.

Igihe kirageze rero Banyarwandakazi, Banyarwanda, cyo kumva ko ubwigenge nyabwo bukwiriye igihugu cyacu ari ugushyiraho inzego z'ubutegetsi busanganyijwe hagati y'abaturarwanda bose. Akaba ari yo mpamvu dukomeje kumvikanisha ko INAMA-NGOBOKA-GIHUGU ari bwo buryo bwonyine bwadufasha nk'Abanyarwanda kumvikana k'unzego z'ubuyobozi zibereye igihugu cyacu, n'uburyo izo nzego zajyaho. Nti twakwirengagiza ko ubutegetsi buriho ubu bwa FPR-Inkotanyi butemera ko iyo NAMA-NGOBOKA-GIHUGU ibaho, kuko ndetse n'abayisaba kuri bwo bafite ingenga bitekerezo ya genocide!

Ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi bufite umuco mubi wo kwemeza bose ko ibibazo by'u Rwanda byatewe n'abanyamahanga ndagira ngo nsabe n'abanyarwanda twese dukomeje gukandamizwa n'ubutegetsi bukomeje gukorera agatsiko k'abicanyi kabwihishe inyuma, kwivanamo igitekerezo cyo kwibwira ko ibibazo byacu bizarangizwa n'abanyamahanga. Ugusaranganya ubutegetsi hagati y'Abatwa, Abatutsi n'Abahutu ku buryo inzego z'ubutegetsi zijyaho buri Muturarwanda wese abwisangamo, ni ishingano igomba kuba iya buri Munyarwanda wese ukunda igihugu cye. Guharanira kugera kuri iyo nshingano bikaba umugambi nsaba buri Munyarwanda ukunda igihugu cye kuwugira uwe. Inkunga dukeneye k'umuhanga cyane ibihugu byo mu muryango w'abibumbye wa Afurika, umuryango wa bibumbye w'i Burayi, Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'umuryango w'abibumbye (l'ONU) ni ukudufasha kugera kuri iyo nshingano hatamenetse amaraso nkayamenetse muri 1994, cyangwa nkuko byagiye biba igihe cyose mu Rwanda byabaga ngombwa ko ubutegetsi buhinduka.

Nkaba ndagije nsaba ibyo bihugu bigize iyo miryango gushyigikira gahunda twabagejejeho ijyanye no guhuza imitwe ya politiki iri mu gihugu niri hanze y'igihugu ndetse nabo muri FPR-Inkotanyi badafite amaraso ku ntoki, kugirango turebere hamwe uko twashyiraho ubuyobozi nziba-cyuho bwo gutegurira Abanyarwanda ya NAMA-NGOBOKA-GIHUGU yo kurangiza ibibazo hagati yacu no gutegura amatora kugira ngo Abanyarwanda bishyirireho abayobozi bashaka kandi babikwiriye.

TWESE HAMWE TUZATSINDA

VICTOIRE INGABIRE UMUHOZA
UMUYOBOZI WA FDU-INKINGI